


NTIKIGURISHWA

17 SUSTAINABLE DEVELOPMENT GOALS



FRIEDRICH
EBERT
STIFTUNG



GRAVITY
STUDIOS

VERISIYO Y'IKINYARWANDA

17 SUSTAINABLE DEVELOPMENT GOALS

Byakozwe Na

FRIEDRICH-EBERT-STIFTUNG RWANDA (FES-Rwanda)
Kubufatanye na GRAVITY STUDIOS RWANDA

Inkuru Ya

Eric NSHIMYUMUKIZA
Gloria UWERA
Shabani BIZIMANA
Tony BAKATUBIA

Yashushanyijwe Na

Tony BAKATUBIA

Yanditswe Na

Shabani BIZIMANA
Marie Salvatrice MUSABYEYEU
Jean-Claude MUHIRE

Kubufatanye Na

Kilian ROPETER (ERFURT)

Yatunganyijwe Na

Alain KALIMA

Yasemuwe Na

Alda GIHOZO
Samuel SINGIZA
Maurice Dieu-Sauve

INTANGIRIRO

Nshuti basomyi b' igitabo cyerekerana intego z'iterambere rirambye.

Uyumunsi mu biganza byanyu, mufite igitabo kidasanzwe. Iki gitabo kiravuga ku byerekeye uburyo abatuye isi bashobora kugera kubyo bakeneye muri iki gihe. Bakabikora batabangamiye umutungo kamere ahubwo bawubungabunga ngo uzagirire akamaro n'ibisekuru bizaza.

Friedrich-Ebert-Stiftung (FES) imaze imyaka myinshi itanga umusanzu wayo mu guharanira iyi ntego, ibicishije muri gahunda zayo ari zo: kurengera abatishoboye, imiyoborere myiza no gushyigikira impinduka mu bukungu. Ni muri urwo rwego, iki gitabo cyanditswe. Iki gitabo kiroroshye kugisoma kandi kirashimishije, ariko kandi kiranatanga ubutumwa bwumvikana buhamagarira abagisoma kubushyira mu ngiro.

Ku isi hose, abantu barashaka kubaho mu mahoro no mu butabera. Buri wese ashaka kugira imibereho myiza, itagoranye nibura agashobora kubona ibyangombwa by'ibanze, kandi abenshi muri bo bategereje ko leta zabo zibigiramo uruhare. Abantu benshi bemera ko, binyuze mu bufatanye n'imiryango mpuzamahanga itegamiye kuri leta, ingaga z'amashyirahamwe y'abakozi, abahanga mu bya siyansi ndetse n'abashyira mubikorwa ibijyanye na politike n' ubukungu, iby'ibanze by' ubuzima bikenewe ku isi bishobora kwiyongera kurushaho no kubungabungwa. Ariko, bitewe n'ibikorwa by'iterambere, ikiremwa muntu kirimo gukoresha umutungo kamere mu buryo butigeze bubaho, bikabangamira imiterere y'isi dutuye, ibyo bikaba kandi mu gihe benshi bakibayeho mu bukene.

Umutungo kamere waba urimo gukoreshwa mu guca ubukene no gukuraho icyuho kiri hagati y'abakire n'abakene, mu gutanga uburezi ndetse no kwita ku buzima, mu kwihaza mu biribwa, guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere, mu kubungabunga ibinyabuzima no guha buri wese amahirwe angana yo kugera ku iterambere? Ese uburyo abantu babayeho muri iki gihe byaba bizatuma abana bacu n'abuzukuru bacu, bagira amahirwe nk'ayacu mu kubyaza inyungu umutungo kamere uriho ubu?

Ibyo bibazo bimaze kuvugwa byatumye habaho ibiganiro mpuzamahanga, maze mu mwaka wa 2015, ibihugu bigize umuryango w'abibumbye bishyiraho intego 17 z'iterambere rirambye. Kuva icyo gihe za guverinoma, imiryango mpuzamahanga ndetse n'abandi bese bafite uruhare mu iterambere, barimo gukorera hamwe kugirango bagere kuri izi ntego zisaba uruhare rwa buri wese.

Byagaragaye ko izi ntego z'ingenzi zizagira uruhare runini k'ubuzima bwiza bw' abatuye isi no kubaho kw'ibisekuru bizaza. Izi ntego 17 z'iterambere rirambye zizaba nk'umurongo ngendarwaho uzatugeza ku majyambere arambye, kandi zizagira uruhare ku byemezo bifatwa ku rwego bwite rw'ibihugu no ku rwego mpuzamahanga.

Ibihugu byose byahagurukiye gukurikiza izi ntego z'iterambere rirambye, bikaba bigerageza kugira ngo mu mwaka wa 2030 zizabe zaragezweho. Izi ntego zibaye zaragezweho mu myaka 10 iri imbere, twaba twungutse byinshi. Hazaba hari amahirwe ko ko mu gihe kizaza, abantu benshi bashobora kubaho ubuzima bwiza kurusha iki gihe turimo.

Byongeye kandi, kandi abafatanyabikorwa mu iterambere rirambye bakomeza gukorera hamwe mu guhangana n'ibindi bibazo bitandukanye byugariye isi yacu, birimo: akarengane, ubusumbane n'umutekano muke. Haracyari impungenege ko, kw'isi yose usanga hari aho izi ntego z'iterambere rirambye zitaramenyekana, zitarasobanuka neza cyangwa se ngo zishingirweho mu gufata ibyemezo bijyanye n'ubukungu na politiki. Ku ruhande rumwe biterwa no kutabigiraho amakuru ahagije ndetse kenshi ugasanga ari ubujiji bukomeza gukoma mu ishyirwa mu bikorwa ry'izi ntego.

Kurundi ruhande, mu nzego z'ibanze z'ibihugu, intego z'iterambere rirambye zafashwe nkaho zireba leta gusa cyangwa ibigo bikomeye, kandi ahubwo ziri mu bigize ubuzima bwacu bwa buri muni. Bizwi ko impinduka zikomeye zigerwaho binyuze mu nzego nyinshi. Ni urugendo ruto ariko rusaba imyanzuro n'ibikorwa bikorewe hamwe.

Ibinyujije mu gitabo cyerekana intego z'iterambere rirambye, Friedrich-Ebert-Stiftung(FES-RWANDA) itanga umusanzu mu kurushaho kumvikanisha izi ntego rusange z'isi yose, kongera ubumenyi no gufasha ishyirwa mu bikorwa byazo bihereye mu nzego zo hasi, hifashishijwe uburyo bworoshye kandi bushimishije.

Abafatanyabikorwa bacu baturutse mu bigo bya leta, imiryango itegamiye kuri leta, amasendika y'abakozi, za kaminuza ndetse n'imiryango y'impuguke n' abacurabwenge mu bya politiki n' ubukungu, bashobora kwifashisha iyi nkuru ivuga ku banyarwanda b'inshuti batandatu, mu gutangiza ibiganiro ku buryo izi ntego zagerwaho n'uko zakwifashishwa mu yindi mishinga itandukanye. Iki gitabo cyakozwe ku bufatanye na Gravity Studios Rwanda, ntabwo cyasubiza ibibazo byose byerekeranye n'intego z'iterambere rirambye, ahubwo kigufasha kugira ubumenyi bw'ibanze kikanagutera amatsiko yo kwifuza kumenya byinshi kuri iyi gahunda y'ingirakamaro.

Twizyeko muzaryohewa no gusoma iki gitabo kandi ko mugiyeye gutangira kuganira n' inshuti zanyu, abo mukorana n'abo mu muryango wanyu, ibyerekeye intego z'iterambere rirambye kandi turizera ko iki gitabo kizatuma haba impinduka mu Rwanda, afurika y'uburasirazuba ndetse no kw'isi. Kubw'iyi mpamvu, iki gitabo kizaboneka kuri murandasi ndetse no mu mpapuro kandi byose bizajya bitangwa ku buntu.

Uburenganzira bwose kuri iki gitabo bufitwe na FES Rwanda, bizadushimisha cyane iki gitabo ni gisakara hose.

Mwifuzaga kutugezaho inama cyangwa ibitekerezo mwatwandikira kuri: info@fes-rwanda.org

Murakoze cyane.

Oliver Dalichau
Umuyobozi wa FES Rwanda



Kubindi Bisobanuro:

INFO FES RWANDA
Friedrich-Ebert-Stiftung Rwanda
P.O Box 7401 Kigali
Telefoni: +250 7869 500 20
Urubuga: www.fes-rwanda.org

Imbuga nkoranyambaga zacu:

f Facebook: <https://www.facebook.com/FESRwanda/>
@ Instagram: @FESRwanda
t Twitter: <https://twitter.com/FESRwanda>

© Uburenganzira bwose kuri iyi nyandiko bufitwe na FES-Rwanda. Iki gitabo cyakoreshwa ku buntu. Gukoresha amashusho ndetse n'ibice bigize iki gitabo, bishobora gukoreshwa habanje kuba ubwumvikane na FES Rwanda.

Byakozwe Na
FRIEDRICH-EBERT-STIFTUNG RWANDA (FES Rwanda)
Ku bufanye na GRAVITY STUDIOS RWANDA





Rita UMUHIRE, ni umunyamakuru ubifitemo impano, akaba n'umwanditsi w'inkuru. Yatsindiye ibihembo byinshi ku nkuru zitandukanye yanditse, none ubu arateganya kwandika inkuru ivuga ku bibazo bihangayikishije isi muri iki gihe.


Umunsi umwe, nyuma yo kumva ko yabonye insanganyamatsiko yo kwandikaho ijyanye n'intego z'iterambere rirambye, yatumiye abaturanyi be 4 kw'ifunguro rya nimugoroba, yari azi neza ko bafite amakuru ahagije kuri icyo nsanganyamatsiko. Yiyumvishaga ko, bose hamwe bafatanije, inkuru ye yari yise **"INTEGO Z'ITERAMBERE RIRAMBYE"** izagera ku ntsinzi.

SUSTAINABLE DEVELOPMENT GOALS

Ibihugu bigize Umuryango w'Abibumbye mu mwaka wa 2015, byemeje gahunda ya 2030 yiswe "Iterambere rirambye" Iyi nyandiko ni ikimenyetso cy'imyumvire y'amahoro n'uburumbuke ihuriweho n'abatutye isi.

<https://sustainabledevelopment.un.org/?menu=1300>







1 NO POVERTY




KURANDURA UBUKENE BURUNDU MU BURYO BUGARAGARAMO BWOSE NO MU DUCE TWOSE TW'ISI

<https://sustainabledevelopment.un.org/sdg1>



KURANDURA BURUNDU INZARA, KUGERA KU KWIHAZA MU BIRIBWA, KUGIRA IMIRIRE IBONEYE KANDI IHAGIJE NO GUTEZA IMBERE UBUNINZI BURAMBYE













GUKORESHA IBICANWA BICUKURWA NKA PETEROLI NDETSE N'IBIKOMOKA KU BITI NK'INKWI N'AMAKARA, BYONGERA IMYOTSI IHUMANYA IKIRERE KANDI BIGATERA KWANGIZA AMASHYAMBA.



GUHARANIRA KO HABONEKA INGUFU Z'AMASHANYARAZI ZIHENDUTSE, ZISUBIRA, ZIZEWE KANDI ZIRAMBYE KURI BOSE




ITEGEKO RIGENGA UMURIMO



GUHARANIRA IZAMUKA RY'UBUKUNGU RIHAMYE, RIDAHEZA KANDI RIRAMBYE KURI BOSE NO GUHARANIRA KO ABANTU BOSE BABONA AKAZI KABAHA UMUSARURO NO GUKORA UMURIMO UBANOGEYE

<https://sustainabledevelopment.un.org/sdg8>









UYU MUNSI, KIMWE CYA KABIRI CY'ABATURAGE ISI BABA MU MIJIYI, MU MWAKA WA 2050, BIBIRI BYA GATATU BYABATUYE ISI BAZABA BATUYE MU MIJIYI.

IMIJIYI IGENDA YAGUKA CYANE. ABANTU BENSHI BAKUNDA IMIJIYI, KUKO ARI IHURIRO RY'UMUCO W'UBUCURUZI, AMAHIRWE Y'AKAZI N'IMIBEREHO, ARIKO NANONE NIHO HANTU USANGA UBUKENE BUKABIJE.
















17 SUSTAINABLE DEVELOPMENT GOALS

INCAMAKE

Ushobora kubona verisiyo y'umwimerere kuri
www.sustainabledevelopment.un.org

1 NO POVERTY



Intego 1: **Kurandura Ubukene Burundu**

Muri iki gihe, abantu barenga miliyoni 750 ku isi hose babaho mu bukene bukabije. Ntabwo bashobora kubona ibyangombwa by'ibanze nkenyerwa. Bahura nibibazo bitandukanye nko kuba badashobora kubona ibiribwa bihagije cyangwa aho kuba. Ibyo bitera ingaruka zikomeye ku buzima bwabo no gushyirwa ku ruhande ntibabone amahirwe nk'ayabandi.

Ubukene kandi bufitanye isano no kutabona serivisi zingenzi z'ibanze cyane cyane mu burezi no kubura amahirwe yo kubona akazi.

Intego 2: **Kurandura Burundu Inzara**

Kwihaza mu biribwa ni kimwe mu bibazo bigoye gukemura mu iterambere rirambye. Imyuzure n'amapfa, bigira ingaruka ku musaruro w'ibihingwa, bigatera inzara.

Kugeza uyu munsi, inzara ni ikibazo kitarakemurwa ku isi hose. Nubwo kubona ibiribwa ari uburenganzira bw'ibanze ku bantu bose, inzara ikomeje kwibasira ingo zikennye. Abana n'abantu bakuze niba bahura cyane n'ingaruka z'ibiribwa bidahagije, kandi abantu bagomba kugira ububasha buhagije bwo kubona ibibatunga bihwaye n'ibyo umuntu akeneye kurya buri munsi.

2 ZERO HUNGER



3 GOOD HEALTH AND WELL-BEING



Intego 3: **Ubuzima buzira umuze n'imiberehomyiza**

Ibyorezo bikomeye nka malariya, igituntu ndetse na (SIDA cyangwa corona virusi) ni zimwe mpamvu zitera impfu z'abantu bagera kuri miliyoni buri mwaka. Nubwo impfu z'abana n'ababyeyi zagabanutse, nabyo biracyatwara ubuzima bw'abana benshi buri mwaka.

Kimwe cya kabiri cy'abatuye isi ntabwo bafite ubushobozi bwo kubona serivisi z'ibanze z'ubuzima.

Ikindi kandi, icyizere cyo kubaho kiracyari gito mu bihugu byinshi kubera serivisi z'ubuzima budahagije no kutabona ubwishingizi bw'ubuzima ku bakene.

Ubukene bukabije butuma abantu batabona uburyo bwo kwivuzza ndetse na serivisi z'ubuvuzi bigatuma indwara zibabaho karande.

Intego 4: **Uburezi Bufite Ireme**

Uburezi bufite ireme, ni intango ikomeye y'iterambere rirambye. Kugirango ubwonko bw'umwana bukure neza, uburezi kuva akiri muto kandi bukomeza anakuze ni ngombwa.

Ariko uburezi ntibukenewe gusa mu mashuri abanza n'ayisumbuye gusa, ahubwo gahunda z'uburezi zigomba gutanga amahirwe yo kwiga neza mu ubuzima bwose bwa muntu.

Muri rusange, sosiyete zidafite ikinyuranyo gikabije hagati y'abize n'abatize cyangwa abize biciriritse, usanga akenshi zarateye imbere, kandi zarageze ku rwego rushimishije mu guhanga imirimo no kugera ku mibereho myiza kandi irambye y'abaturage.

4 QUALITY EDUCATION



Amazi n'intangiriro ry'ifatizo kubuzima bwa muntu.

Gukoresha no gucunga neza amazi bihora ari ingenzi mu gukemura ikibazo cy'amazi ku isi yose. Guteza imbere serivisi z'ibanze z'isuku n'isukura bitarenze 2030, bisaba ubushobozi buri hejuru mu ishoramari n'ibikorwa by'ingenzi.

7 AFFORDABLE AND CLEAN ENERGY



Intego 7: **Ingufu z'amashanyarazi zihendutse, zizewe kandi zinarambye**

Ibihugu byinshi byateye imbere byubatswe ubukungu bwabyo bishingiye ku bicanwa bituruka ku mborera n'ingufu za nikeleyeri bitera ingaruka mbi nko guhumanya ikirere, ubushyuye kukabije bw'isi n'ibindi.

Mu bihe bya vuba nibwo barushijeho kumenye ibyerekeye ihindagurika ry'ikirere batangira gushaka ubundi buryo bwo gukoresha ibicanywa byisubira, bitandukanye n'ibyo bari basanzwe bakoresha, bibanda ku ngufu zituruka ku mirasire y'izuba hamwe n'ingufu z'umuyaga.

Intego 8: **Akazi gatanga umusaruro n'izamuka ry'ubukungu**

Mu bihugu bimwe na bimwe, akazi kanoze kandi gatanga umusaruro karacyari inzozi. Abantu benshi bakorera mu ngorane zikomeye kandi ntibabona umushahara ubemerera kuva mu bukene.

Imirimo y'agahato, ubucakara no gucuruza abantu ni zimwe mu ngero z'akazi kabi katubahisha nyirako, kandi ibibazo nk'ibi biracyagaragara muri kinyejana cya 21.

Imirimo myiza ntabwo iganisha ku iterambere ry'umuntu ku giti cye gusa, ahubwo ijyana no ku bwisanzure mu mibereho y'abantu, iterambere, kubana neza no gukorera hamwe.

Kwita kuba abantu babona akazi keza kandi gahembwa neza, niba uburenganzira bwabakozi bwubahirizwa, bizafasha kugabanya ubukene bukabije (Intego 1) no kwita ku kurengera abatishoboye.

8 DECENT WORK AND ECONOMIC GROWTH



5 GENDER EQUALITY



Intego 5: **Kwimakaza uburinganire hagati y'abagabo n'abagore**

Umuryango w'abibumbye uvuga ko uburinganire atari bwo ntango ry'uburenganzira bwa muntu, ko ahubwo ari umusingi wa ngombwa wo kugera ku mahoro ku isi, uburumbuke n'iterambere rirambye.

Ku bw'iyi mpamvu, sosiyete zigomba gukomeza kurwanya ubusumbane n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, n'ubundi buryo ubwo aribwo bwose bw'ihohoterwa.

Uburinganire n'ubwuzuzanye nibigerwaho bizafasha gahunda z'uburezi kugera ku kigero gishimishije, kunoza ibirebana n'umurimo udaheza na politike, ndetse no guha amahirwe angana abantu bose muri rusange.

Intego 6: **Kugeza amazi meza kuri bose ndetse no kubungabunga ku buryo burambye ibikorwa by'amazi**

Nk'uburenganzira kubiribwa (intego ya 2) kugira ubushobozi ku mazi meza no kubungabunga ku buryo burambye ibikorwa by'amazi. Byemejwe n'ibihugu bigize umuryango w'abibubye nk'uburenganzira bwa muntu.

Nta mazi, nta buzima bwabaho ku isi, bur'umwe akeneye amazi, yo kunywa, yo gukora ibitanga umusaruro, gusukura ibiribwa no gukora isuku nibindi byinshi.

6 CLEAN WATER AND SANITATION



Intego 9: **Guteza imbere inganda, guhanga udushya n'ibikorwa remezo**

Amajyambere arambye yagerwaho, igihe hari umuco ndetse hateguwe neza uburyo bwo gusaranganya amakuru, ibicuruzwa ndetse n'ubumenyi mu ikoranabuhanga. Ibyo ntibibye gusa hagati y'ibihugu byateye imbere n'ibikiri mu nzira y'amajyambere, ahubwo ndetse hagati y'imigi n' ibyaro.

Mu isi yose, niba amabwiriza n'amategako bikurikizwa mu mucyo kandi bikubahirizwa, ibikorwa remezo bishobora guteza imbere ubucuruzi no kunoza uburyo bwo guhanga amahirwe yo kubona akazi kanoze ku isi yose.



Intego 12: **Guharanira ko abatuye isi bashaka ibibatunga batabangamiye ibikorwa bisanzwe biriho n'urusobe rw'ibinyabuzima muri rusange**

Ku isi hose, gukoresha umusaruro mu bikenerwa by'abantu byariyongereye mu buryo bwihuse, haba muri rusange cyangwa umuntu ku giti cyo.

Hakenewe ingamba zihutirwa mu guhagarika gukoresha birenze urugero umutungu kamere, bituma haba kwangirika kw'ibidukikije.

Politike zihariye zo gukoresha neza umutungu kamere zigomba gushyirwa mu bikorwa. Ibyo ni nka gahunda zo gucunga no kugabanya imyanda, hamwe no kwinjiza muri gahunda zose z'ubukungu ibijyanye n'imikoreshereze irambye y'umutungu kamere.

Intego 13: **Gufata ingamba zihutirwa mu rwego rwo kurwanya imihindagurikire y'ikirere n'ingaruka zayo**

Ibyuka bihumanya ikirere biragenda byiyongera kurusha uko byari byitezwe. Ingaruka z' imihindagurikire y'ikirere zigenda zirushaka kwigaragaza ku isi hose, nko kuzamuka kw'amazi y'inyanja bihungabanya ikirere bigatera amapfa n'imyuzure byongera ikibazo cy'inzara.

Ingamba z'ingirakamaro n'ibikorwa byihuse birakenewe mu gukumira imyuka ihumanya no guhangana n'ingaruka zayo.

Cyane cyane, ibihugu bikiri mu nzira y'amajyambere bikeneye inkunga y'imari ihagije, ariko na none mu buryo bwo kongera ubushobozi bwo guhangana n'ingaruka z'ubushyuhe bw'isi mbere y'uho amazi arenga inkombe.

Intego 14: **Kubungabunga no gukoresha inyanja, ibiyaga, inzuzi, imigezi n'urusobe rw'ibinyabuzima biba mu mazi no munsu y'amazi ku buryo burabye hagamijwe iterambere rirambye**

Uburobyi burengeje urugero na aside yo mu nyanja nizo mbogamizi zikomeye, bikongererwa ibibazo byo kubura uburyo bwiza bwo gucunga imyanda no kurinda ubushyuhe bw'isi.



Intego 10: **Kugabanya ubusumbane**

Abantu bose bafite uburenganzira bumwe, ntabwo hagomba kubaho ubusumbane bushingiye ku gitsina, imyaka, ubwoko, idini n'ibindi. Ku bw'iyi mpamvu rero, ntawe ugomba gusigazwa inyuma haba mu mibanirane y'abantu, ubukungu n'uruhare rwa politike, byose bihora ar'ingenzi kuri buri wese.

Abantu bagomba guhugurwa, gutozwa kumva neza no kwakira ibibatandukanya, bakabibonamo ubukungu bw'ibyiza bibahuza.

Intego 11: **Imijyi irambye n'imiturire**

Intego ni uguteza imbere imigi n'imiturire itekanye, ihangana n'ibiza kandi ijyanye n'iterambere rirambye kuri bese.

Buri muntu wese afite uburenganzira bwo kubona aho atura heza, hatekanye kandi hajyanye n'ubushobozi bwe.

Abashinzwe za politike z' imiturire ku isi hose bagomba gufata ingamba mu gukemura ikibazo cy'imiturire, cyane cyane mu mijyi ikura vuba vuba. Abimukira bava mu byaro bajya mu mijyi babifitemo uruhare rukomeye.



Urugero ni nk' imisozi iri muni y' inyanja yakozwe n'ibisigazwa bya bimwe mu binyabuzima byangiritse. Ikindi ubwoko bw'ibindi bw'amafe bugenda bupfa cyangwa buzima bitewe n'ubwiyongere bw'ubushyuhe bw'amazi. Ibi byose bigira ingaruka zitaziguye ku mibereho y'abarobyi babigize umwuga hamwe n'imiryango yabo, kuko imibereho yabo ishingiyeye ku rusobe rw'ibinyabuzima byo mu mazi .

Intego 15: Kurengera, gusana no gusubiranya indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima byo ku butaka

Imiterere y'isi yaremwe mu bwuzuzanye bw' ibidukikije biyigize, niba amoko amwe namwe y'ibinyabuzima biyigize azimye, ubwo bwuzuzanye buzahungabana, bigire ingaruka ku bindi binyabuzima biri ku isi, ndetse n'imibereho y'abantu.

Ubuzima bwa muntu ku isi bushoboka gusa mu gihe arinda indiri y'urusobe rw'ibinyabuzima butandukanye.



Intego 16: Kubana mu mahoro, guharanira ubutabera no kubaka inzego zitajegajega

Intego ni ukugera ku mahoro n'ubutabera ku isi. Kugirango bigerweho, hakenewe inzego zikomeye kandi zitajegajega mu butabera, kugirango zirengere kandi zubahirize amategeko, mu rwego rwo guteza imbere ubutabera n'amahoro mu bantu.

Ibihugu n'imiryango ishingiyeye ku baturage ibifitemo inshingano, bagomba gukorera hamwe ngo bagere kuri icyo ntego.

Intego 17: Gushimangira ubufatanye mu batuye isi mu gushyira mu bikorwa iyi migambi

Kugera ku ntego ziterambere rirambye uko ari 17, Ubufatanye mpuzamahanga no gukorera hamwe kw' abafatanyabikorwa mu majyambere birakenewe, kugirango ibihugu byose bigire ubushobozi buhagije, bubiha amahirwe yo kugera ku majyambere arambye.



SUSTAINABLE DEVELOPMENT GOALS

Ushobora kubona verisiyo y'umwimerere kuri www.sustainabledevelopment.un.org

UMWIRONDORO WA FREIDRICH-EBERT-STFTUNG RWANDA

FES Rwanda:

Friedrich-Ebert-Stiftung (FES), ni umuryango udaharanira inyungu, ukomoka mu gihugu cy'Ubudage. Uyu muryango washinzwe na Guvernoma y'Ubudage mu mwaka w'i 1925. Uyu muryango ukomora izina ryawo kuri Perezida wa mbere w'Ubudage watowe binyuze muri demokarasi, ariwe Friedrich Ebert. Ibinyujije mu burezi, ubushakashatsi n'ubufatanye mpuzamahanga, FES igamije guteza imbere imibereho myiza, politike n'ubukungu bishingiye kuri gahunda ya demokarasi yo kurengera abatishoboye.

Guhera hagati mu mwaka wa 2018, FES Rwanda itanga umusanzu wayo ibinyujije mu kubaka ubushobozi no gukangurira gushyira mu bikorwa abagize za sosiyete sivile, abashinzwe gushyiraho za politike zinyuranye, abakozi ba leta, abagize inteko ishingira amategeko, ndetse n'abandi bafatanyabikorwa bashishikajwe no gutanga umusanzu wabo muri gahunda zo kugera ku ntego yo kurengera abatishoboye, imiyoborere myiza, kwegereza ubuyobozi abaturage hamwe n'uruhare rw' abaturage muri gahunda za leta. Ibyo byiyongera kuri gahunda z'ibiganiriro ku bibazo bikomeye bijyanye n'iterambere rirambye, amahugurwa n'inama mpuzamahanga z'abafatanyabikorwa kuri izo ntego.

FES Rwanda ikorana bya hafi na Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC) mu rwego rwo gukora ubushakashi bwimbitse, mu gihe byemejwe n'inzego zibifite mu nshingano zazo. FES kandi ikoresheje imiyoboro yayo ku rwego mpuzamahanga, isaranganya ubumenyi kabuhariwe n'ubundi bumenyi, ibikorwa byiza by'ingirakamaro, ubunararibonye ndetse n'amasomo abushingiyeho mu gushyira mu bikorwa intego z'iterambere rirambye, zifite aho zihuriye n'inshingano za Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu.

UMWIRONDORO WA GRAVITY STUDIOS RWANDA



Turi ikigo gifasha guhuza za sosiyete n'amashyirahamwe ku bhanzi bashyushanya n'abanditsi babafasha gushyira mubikorwa ibikorwa by'ubuhanzi bifuza gukora.

Twe kandi dukora Serivisi z'ubujyanama n'ubufasha mu gushyira mu bikorwa neza iyo mishinga y'ubuhanzi.

Kubindi bisobanuro, Wa dusura : www.gravity.rw


Cg dukurikire ku mbugankoranyambaga zacu:

- Instagram: <https://www.instagram.com/gravitysrw/>
- Facebook: <https://www.facebook.com/gravitysrw/>
- LinkedIn: <https://www.linkedin.com/company/gravity-studios-rwanda>
- Twitter: <https://twitter.com/GravityStudioRw>



**SUSTAINABLE
DEVELOPMENT GOALS**

www.sustainabledevelopment.un.org



**FRIEDRICH
EBERT****STIFTUNG**


GRAVITY
STUDIOS